

URUKINGO RWA COVID-19

Paji ya 1 kuri 1

- I. **IBISOBANURO, IKIGAMIJWE NDETSE N'IBYZA BYO GUKINGIRWA.** Nsobanukiwe neza ko ngiye guterwa urushinge rw'urukingo kugira ngo rumfashe kugabanya ibyago byo kurwara nkaremba igihe ndamutse nanduye COVID-19. Ubwandu bwa COVID-19 bushobora kugira ingaruka zikomeye ndetse zishobora no gushyira ubuzima mu kaga. Bitewe n'ubwoko bw'urukingo rwa COVID-19 mpawe, bishobora kuba ngombwa ko nterwa urushinge rumwe cyangwa inshinge ebyiri ndetse n'urukingo rushimangira mu gihe runaka. Nemeye kuguma ahatangirwa urukingo mu gihe cy'iminota 15 nyuma yo gukingirwa kugira ngo mbase kwitabwaho igihe urukingo ruramutse runguye nabi.
- II. **IBIBAZO N'IBYAGO BISHOBORA KUVUKA NYUMA YO GUKINGIRWA.** Nsobanukiwe neza ko nshobora kubabara, gutukura cyangwa kubyimba ahatewe urushinge. Ibindi bibazo n'ibyzza by'ingenzi bizwi ko bifitanye isano n'urukingo n'detse n'urwego ibyo bibazo n'ibyzza bizwiho bisobanurwa mu nyandiko ikubiyemo amakuru ajyanye n'Uruhushya rwo gukoresha imiti mu buryo bwihutirwa (*Emergency Use Authorization, EUA*) rutangwa n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ubuziranenge bw'ibiribwa n'imiti (*Food and Drug Administration, FDA*). Nahawe ifishi y'amakuru n'urutonde rw'ibigenzurwa mbere yo guhabwa urukingo maze ndabisoma. Nindamuka mfite ibindi bibazo bijyanye n'urukingo, nzabibaza mbere yo gukingirwa. Amakuru ahari ntagaragaza neza igihe ibyiza by'urukingo bishobora kumara cyangwa niba rushobora guhangana n'ubwoko bwa virusi ya COVID-19 bwihinduranya. Nsobanukiwe neza ko ibyo bidakuraho ko nshobora kurwara COVID-19 ndetse nkaba nshobora no kwanduza abandi bantu iyo virusi. **Ku bw'iyi mpamvu, urukingo ntirukuraho kwambara agapfukamunwa, gusiga intera hagati y'umuntu n'undi ndetse no gukaraba intoki.**
- III. **UBUNDI BUWUZI.** Nsobanukiwe neza ko nshobora kwanga gufata urukingo rwa COVID-19. Kugeza ubu nta bundi buryo buzwi kandi bwizewe bwo kwirinda COVID-19, butari ukwambara agapfukamunwa, gusiga intera hagati y'umuntu n'undi ndetse no gukaraba intoki.
- IV. **IBYO KWITONDERWA/KWIRINDA GUTANGA URUKINGO** Hashobora gufatwa icyemezo cyo kutagaha urukingo bitewe n'uburyo umubiri wawe ushobora kurwakira.

Urumva uri guhinda umuriro cyangwa urwaye uyu muni?	<input type="checkbox"/> Oya cyangwa <input type="checkbox"/> Yego – Niba igisubizo ari yego, reka kurufata kugeza igihe uzumwa wakize neza.
Waba warigeze kugira ubwivumbure bw'umubiri (urugero: ubwivumbure bw'umubiri bukabije, gufuruta, uburyaryate) butewe na kimwe mu bigize uru rukingo?	<input type="checkbox"/> Oya cyangwa <input type="checkbox"/> Yego – Niba igisubizo ari yego, REKA kwikingiza.
Waba warigeze ugira ubwivumbure bw'umubiri ako kanya ukimara guhabwa urundi rukingo?	<input type="checkbox"/> Oya cyangwa <input type="checkbox"/> Yego – Niba igisubizo ari yego, banza ugishe inama muganga maze urebe niba wazikingiza ikindi gihe.
Waba warigeze ugira ubwivumbure bw'umubiri ako kanya ukimara guterwa urushinge cyangwa umuti uterwa mu mubiri?	<input type="checkbox"/> Oya cyangwa <input type="checkbox"/> Yego – Niba igisubizo ari yego, banza ugishe inama muganga maze urebe niba wazikingiza ikindi gihe.
Waba warigeze ugira ubwivumbure bw'umubiri bukabije?	<input type="checkbox"/> Oya cyangwa <input type="checkbox"/> Yego – Niba igisubizo ari yego, tegereza iminota 30.

- V. **UKO AMAKURU Y'UBUZIMA AKORESHWA.** Nsobanukiwe neza ko amakuru yerekeye itangwa ry'uru rukingo ndetse n'urukingo rushimangira rutangwa mu gihe runaka bizamenyeshwa inzego zishinzwe kugenzura inkingo muri leta no mu gihugu. Nemeye ko amakuru yanjye yerekeye urukingo rwa COVID-19 amenyeshwa umuganga unyitaho kandi akifashishwa cyangwa agatangwa kugira ngo serivisi zishyurwe, hanozwe serivisi z'ubuvuzi, umutekano w'umurwayi ndetse no ku mpamvu z'ubushakashatsi. Niba ubu ndi umukozi wa MaineHealth, nemereye kandi MaineHealth nk'utanga serivisi z'ubuvuzi guha Ishami rya MaineHealth rishinzwe serivisi z'ubuvuzi zigenerwa abakozi amakuru ajyanye n'itangwa ry'uru rukingo ndetse na doze zishimangira no gukoresha amakuru yerekeye inkingo ahari mu bubiko bw'amakuru bwa ImmPact. Bitari ibyo, amakuru agomba gukoreshwa nk'uko biteganywa n'Inyandiko y'amabwiriza agenga ubuzima bwite muri MaineHealth, iboneka ku rubuga rwa <https://www.mainehealth.org/-/media/Maine-Medical-Center/Files/Psychiatry/Notice-Privacy-Practices-2017.pdf>, kandi ushobora guhabwa kopi zicapye igihe uramutse uzisabye.
- VI. **NOMERO YA TELEFONE.** Nemeye ko MaineHealth cyangwa abakozi bayo bampamagara kuri telefone (igendanwa cyangwa yo mu rugo), banyohereza ubutumwa bugufi cyangwa ubutumwa bw'amajwi kuri numero ya telefone natanze mbere. Ubu burenganzira bugomba no kubahirizwa n'abampagarariye.

Amazina y'uwahamagarwa havutse ikibazo kihutirwa: _____ Numero ya telefoni y'uwahamagarwa havutse ikibazo kihutirwa: __

_____ **X** _____
Itariki Isaha Mu Umukono Umurwayi Umubyeyi Umwishingizi w'umwana
gitondo | Nimugoroba Umuhagarariye byemewe n'amategeko Amazina mu nyuguti nkuru

Niba uburenganzira butangiwe kuri telefone, butanzwe na: Umurwayi Undi Numero ya telefone _____

_____ **X** _____
Itariki Isaha Mu Umukono w'umugabo (Niba uburenganzira bwatangiwe kuri telefone cyangwa umurwayi akaba
gitondo | Nimugoroba adafite ingufu zo kwishyiriraho umukono) Amazina mu nyuguti nkuru

Umusemuze wa: Ururimi rw'amarenga Ururimi rw'amahanga Indundi _____ Amazina mu nyuguti nkuru cyangwa umwirondoro _____

_____ **X** _____
Itariki Isaha amasaha 24 Umukono w'umuganga cyangwa uwo
yagennye ngo amusimbure Amazina mu nyuguti nkuru

Ahagenewe kuzuzwa n'abakozi gusa:

Umurwayi yahise agubwa nabi n'urukingo. Umurwayi ntabwo yahise agubwa nabi n'urukingo.
